**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 19 avril 2015;

Le Sénat, en sa séance du 13 mars 2015;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 11, 29, 30, 31, 32, 49, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 190 et 201;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira mu by'imbonezamubano na politiki yashyiriweho umukono i New York muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika ku wa 19 Ukuboza 1966, nk'uko yemejwe n'Itegeko-teka n° 8/75 ryo kuwa 12 Gashyantare 1975, cyane cyane mu ngingo yayo ya mbere;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco yashyiriweho umukono i New York muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika yo ku wa 19 Ukuboza 1966, nk'uko yemejwe n'Itegeko-teka n° 8/75 ryo kuwa 12 Gashyantare 1975, cyane cyane mu ngingo yayo ya mbere;

Ishingiye ku Masezerano Nyafurika yerekeye uburenganzira bwa muntu n'ubw'abaturage yashyiriweho umukono i Nairobi muri Kenya ku wa 27 Kamena 1981 nk'uko yemejwe n'itegeko n° 10/1983 ryo ku wa 01 Nyakanga 1983, cyane cyane mu ngingo yayo ya 14;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga nº 04/2005 ryo ku wa 08 Mata 2005 rigena uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu Rwanda;

Ishingiye ku Itegeko nº 43/2013 ryo ku wa 16/06/2013 rigenga ubutaka mu Rwanda;

Pursuant to the International Covenant on Civil and Political Rights signed in New York, United States of America on 19 December 1966 as ratified by Decree-Law n° 8/75 of 12 February 1975, especially in Article one;

Pursuant to the International Covenant on Economic, Social and Cultural Rights signed in New York, United States of America on 19 December 1966 as ratified by Decree-Law n° 8/75 of 12 February 1975, especially in Article One;

Pursuant to the African Charter on Human and Peoples' Rights signed in Nairobi on 27 June 1981 as ratified by Law n° 10/1983 of 1st July 1983, especially in Article 14;

Pursuant to Organic Law nº 04/2005 of 08 April 2005 determining the modalities of protection, conservation and promotion of environment in Rwanda;

Pursuant to Law nº 43/2013 of 16/06/2013 governing land in Rwanda;

Vu le Pacte relatif aux droits civils et politiques signé à New York, aux Etats Unis d'Amérique le 19 décembre 1966 tel que ratifié par le Décret-Loi n° 8/75 du 12 février 1975, spécialement en son article premier;

Vu le Pacte relatif aux droits économiques, sociaux et culturels signé à New York, aux Etats Unis d'Amérique le 19 décembre 1966 tel que ratifié par le Décret-Loi n° 8/75 du 12 février 1975, spécialement en son article premier;

Vu la Charte africaine des droits de l'homme et des peuples signé à Nairobi le 27 juin 1981 telle que ratifiée par la Loi n° 10/1983 du 1er juillet 1983, spécialement en son article 14;

Vu la Loi organique n° 04/2005 du 08 avril 2005 portant modalités de protéger, sauvegarder et promouvoir l'environnement au Rwanda;

Vu la Loi nº 43/2013 du 16/06/2013 portant régime foncier au Rwanda;

Isubiye ku Itegeko n° 18/2007 ro ku wa 19 Mata 2007 ryerekeye kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange;

**YEMEJE:**

**<u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE**

**<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rigena uburyo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange bikorwa.

**<u>Ingingo ya 2:</u> Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanurwa ku buryo bukurikira:

1° **igikorwa cy'inyungu rusange:** igikorwa cya Leta, icy'inzego z'ibanze zifite ubuzimagatozi cyangwa icy'ibigo bya Leta kigamije inyungu cyangwa imibereho myiza by'abaturage muri rusange;

2° **igikorwa kirambye:** igikorwa cyose gikorerwa ku butaka kikaba cyarenza iminsi ijana na makumyabiri (120) kikiburiho;

3° **indishyi ikwiye:** indishyi y'agaciro k'ubutaka n'ibyabukoreweho ihabwa

Having reviewed Law nº 18/2007 of 19 April 2007 relating to expropriation in the public interest;

**ADOPTS:**

**<u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS**

**<u>Article One:</u> Purpose of this Law**

This Law determines procedures relating to expropriation in the public interest.

<u>Article 2:</u> Definitions of terms

For the purposes of this Law, the following terms shall have the following meanings:

1° **act of public interest**: an act of Government, local entities with legal personality or public institutions, aiming at the interest or well-being of the general public;

2° **long term act**: any activity performed on land and likely to remain there for more than one hundred and twenty (120) days;

3° **fair compensation**: an indemnity equivalent to the value of land and the activities

Revu la Loi n° 18/2007 du 19 avril 2007 portant expropriation pour cause d'utilité publique;

**ADOPTE:**

**<u>CHAPITRE PREMIER:</u> DISPOSITIONS GENERALES**

**<u>Article premier:</u> Objet de la présente loi**

La présente loi détermine les procédures d'expropriation pour cause d'utilité publique.

**<u>Article 2:</u> Définitions des termes**

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

1° **opération d'utilité publique:** travaux de l'Etat, des entités locales dotées de la personnalité juridique ou des établissements publics, visant l'intérêt ou le bien-être de la population en général;

2° **opérationà long terme:** toute activité réalisée sur un terrain et susceptible d'y rester pour une durée de plus de cent vingt (120) jours;

3° **juste indemnisation:** compensation équivalente à la valeur d'un terrain, à des

uwimurwa kandi ibarwa hashingiwe ku biciro biri ku isoko n'indishyi y'ihungabana ritewe no kwimurwa;

4° **kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange:** igikorwa gishingiye ku bubasha bufitwe na Leta, ibigo bya Leta n'inzego z'ibanze zifite ubuzima gatozi bwo gukura umuntu mu mutungo we ku mpamvu z'inyungu rusange habanje gutangwa indishyi ikwiye;

5° **umuntu:** umuntu ku giti cye, abantu bafatanyije umutungo w'ubutaka, isosiyete y'ubucuruzi, umuryango cyangwa ishyirahamwe bifite ubuzima gatozi;

6° **usaba kwimura:** Urwego rwa Leta, rwifuza kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange, rubanje kubisaba uwimura;

7° **uwimura:** Urwego rwa Leta rufite inshingano n'ububasha ruhabwa n'itegeko byo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange;

8° **uwimurwa:** umuntu wese ugiye gukurwa mu bye ku mpamvu z'inyungu rusange.

performed thereon given to the person to be expropriated and calculated in consideration of market prices as well as compensation for disturbance due to expropriation;

4° **expropriation in the public interest**: an act based on power of Government, public institutions and local administrative entities with legal personality to remove a person from his/her property in the public interest after fair compensation;

5° **person:** a natural person, a group of persons sharing land property, a business company, an organisation or association with legal personality;

6° **applicant for expropriation**: a Government organ that intends to carry out the act of expropriation in the public interest after submitting an application to the expropriator;

7° **expropriator**: a Government organ with responsibilities and powers conferred by the law to carry out expropriation in the public interest;

8° **person to be expropriated**: any person who is to be removed from his or her private property due to public interest.

opérations qui y sont réalisées versée à l'exproprié et calculée en application du tarif du marché ainsi que l'indemnisation de perturbation suite à l'expropriation;

4° **expropriation pour cause d'utilité publique:** acte basé sur le pouvoir réservé à l'Etat, aux établissements publics et aux entités administratives locales dotées de la personnalité juridique de déplacer une personne de sa propriété pour cause d'utilité publique, après lui avoir donné une juste indemnisation;

5° **personne:** personne physique, groupe de personnes partageant la propriété foncière, société commerciale, organisation ou association dotée de la personnalité juridique;

6° **demandeur d'expropriation:** organe de l'Etat désirant procéder à l'expropriation pour cause d'utilité publique après avoir adressé sa demande à l'expropriant ;

7° **expropriant:** organe de l'Etat ayant, en vertu de la loi, les attributions et les pouvoirs d'expropriation pour cause d'utilité publique;

8° **exproprié:** toute personne devant être déplacée de sa propriété privée pour cause d'utilité publique.

**Ingingo ya 3: Ububasha bwo gutegeka ko abantu bimurwa ku mpamvu z'inyungu rusange**

Leta ni yo yonyine ishobora gutegeka kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange.

Kwimura abantu nk'uko biteganywa muri iri tegeko, bikorwa gusa ku mpamvu z'inyungu rusange kandi habanje gutangwa indishyi ikwiye.

Ntawe ugomba kwitwaza inyungu ze bwite ngo abangamire ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange.

Ntawe ushobora kubuza ibikorerwa mu kuzimu cyangwa hejuru y'ubutaka bwe bigamije inyungu rusange. Iyo ibyo bikorwa bimuteye igihombo abibonera indishyi ikwiye.

**Ingingo ya 4: Amafaranga y'igikorwa cy'ibarura ry'umutungo n'ay'indishyi ikwiye**

Buri mushinga, ku rwego urwo ari rwo rwose, uteganya ibikorwa byo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange ugomba guteganya amafaranga y'igikorwa cy'ibarura ry'umutungo w'uwimurwa n'ay'indishyi ikwiye.

**Article 3: Powers to order expropriation in the public interest**

Only the Government shall order expropriation in the public interest.

Expropriation as provided for under this Law shall be carried out only in the public interest and with prior and fair compensation.

No person shall hinder the implementation of the program of expropriation in the public interest on pretext of self-centred interests.

No person shall oppose any underground or surface activity carried out on his/her land with an aim of public interest. In case it causes any loss to him/her, he/she shall receive fair compensation for it.

**Article 4: Funds for property valuation and fair compensation**

Every project, at any level, which intends to carry out acts of expropriation in the public interest, shall budget for valuation of the property of the person to be expropriated and for fair compensation.

**Article 3: Pouvoirs d'ordonner l'expropriation pour cause d'utilité publique**

Seul l'Etat est habilité à ordonner l'expropriation pour cause d'utilité publique.

L'expropriation prévue par la présente loi n'a lieu qu'aux seules fins d'utilité publique et moyennant une juste et préalable indemnisation.

Nul ne peut se prévaloir de ses propres intérêts pour compromettre la mise en œuvre du programme d'expropriation pour cause d'utilité publique.

Nul ne peut s'opposer à l'exploitation du sous-sol ou de la partie superficielle de son terrain pour cause d'utilité publique. Lorsque l'exploitation lui est préjudiciable, il en reçoit une juste indemnisation.

**Article 4: Fonds pour l'évaluation des biens et le paiement d'une juste indemnisation**

Tout projet qui, à n'importe quel niveau, envisage l'expropriation pour cause d'utilité publique doit prévoir sur son budget les fonds permettant l'évaluation des biens de l'exproprié et le paiement d'une juste indemnisation.

**UMUTWE WA II: IBIKORWA BY'INYUNGU RUSANGE**

**Ingingo ya 5: Urutonde rw'ibikorwa by'inyungu rusange**

Ibikorwa by'inyungu rusange ni ibi bikurikira:

1° imihanda n'inzira ya gari ya moshi;

2° imiyoboro y'amazi n'ibigega rusange by'amazi;

3° imiyoboro itwara amazi yanduye n'aho atunganyirizwa;

4° ingomero z'amazi;

5° imiyoboro y'amazi y'imvura ikorwa ku mihanda;

6° ahatunganyirizwa imyanda;

7° imiyoboro y'amashanyarazi;

8° imiyoboro ya gazi, peterori n'ibigega byabyo;

9° imiyoboro y'itumanaho;

10° ibibuga by'indege;

**CHAPTER II: ACTIVITIES OF PUBLIC INTEREST**

**Article 5: List of activities of public interest**

Activities of public interest shall be the followings:

1° roads and railway lines;

2° water pipes and public reservoirs;

3° water sewage and treatment plants ;

4° water dams;

5° rainwater pipes built alongside the roads;

6° waste treatment sites;

7° electric lines;

8° gas and oil pipelines and tanks;

9° communication lines;

10° airports and airfields;

**CHAPITRE II: TRAVAUX D'UTILITE PUBLIQUE**

**Article 5: Liste des travaux d'utilité publique**

Les travaux d'utilité publique sont les suivants:

1° les routes et les chemins de fer;

2° les canalisations d'eau et les réservoirs d'eaux publics;

3° les égouts et les stations de traitement des eaux usées;

4° les barrages hydrauliques;

5° les canalisations d'eaux pluviales sur les bordures des routes;

6° les lieux de traitement des déchets;

7° les passages des câbles électriques;

8° les gazoducs et les oléoducs ainsi que les réservoirs de gaz et de pétrole;

9° les passages des câbles de télécommunication;

10° les aéroports;

| | | |
|---|---|---|
| 11° aho bategera ibinyabiziga, gari ya moshi n'amato n'aho babyururukira; | 11° motor car parks, train stations and ports ; | 11° les gares routières, les gares ferroviaires et les ports; |
| 12° ahantu hakomye hagamije kurengera urusobe rw'ibinyabuzima, umuco gakondo n'amateka y'Igihugu; | 12° biodiversity, cultural and historical reserved areas; | 12° les domaines réservés à la préservation de la biodiversité, de la culture traditionnelle et de l'histoire du pays; |
| 13° ibikorwa bigamije umutekano n'ubusugire bw'Igihugu; | 13° facilities meant for security and national sovereignty; | 13° les installations relatives à la sécurité et à l'intégrité nationale; |
| 14° ibitaro, ibigo nderabuzima, amavuriro n'izindi nyubako zifitanye isano n'ubuvuzi rusange; | 14° hospitals, health centres, dispensaries and other public health related buildings ; | 14° les hôpitaux, les centres de santé, les dispensaires et d'autres établissements de santé publique; |
| 15° amashuri n'izindi nyubako zifitanye isano na yo; | 15° schools and other related buildings; | 15° les écoles et autres bâtiments y afférents; |
| 16° inyubako z'inzego z'ubuyobozi bwa Leta n'ibigo byayo; | 16° Government administrative buildings and those of public institutions; | 16° les bâtiments administratifs publics et ceux des établissements publics; |
| 17° ibibuga, ubusitani rusange n'inyubako bigenewe imikino n'imyidagaduro; | 17° public entertainment playgrounds, gardens and buildings; | 17° les terrains, les jardins publics et les bâtiments publics destinés aux sports et aux loisirs; |
| 18° amasoko; | 18° markets**;** | 18° les marchés; |
| 19° amarimbi; | 19° cemeteries; | 19° les cimetières; |
| 20° inzibutso za jenoside; | 20° genocide memorial sites; | 20° les mémoriaux du génocide; |
| 21° imirimo yo gushyira mu bikorwa ibishushanyo mbonera by'imitunganyirize y'imikoreshereze y'ubutaka; | 21° activities to implement land use and development master plans; | 21° les activités relatives à l'exécution des schémas-directeurs d'utilisation et d'aménagement des terres; |
| 22° amabuye y'agaciro n'undi mutungo kamere | 22° minerals and other natural resources in the | 22° les minerais et autres ressources naturelles |

biri mu bikorwa by'inyungu rusange.

Iteka rya Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano ze, abyibwirije cyangwa abisabwe n'urwego rwa Leta bireba, rigena ibindi bikorwa by'inyungu rusange.

**Ingingo ya 6: Imirimo igamije gushyira mu bikorwa ibishushanyombonera by'imitunganyirize y'imikoreshereze y'ubutaka**

Umuntu utangije igikorwa kigamije gushyira mu bikorwa ibishushanyombonera by'imitunganyirize y'imikoreshereze y'ubutaka agomba kubanza kumvikana na ba nyir'imitungo y'aho umushinga uzakorerwa.

Iyo ubwo bwumvikane butabaye, imihango ijyanye no kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange irakurikizwa bisabwe n'urwego rwimura n'uwatangije umushinga kandi hitabwa ku nyungu z'uwimurwa.

Ikiguzi cyangwa agaciro k'imitungo y'aho umushinga uzakorerwa cyishyurwa n'uwatangije umushinga mbere y'uko atangira kuwushyira mu bikorwa

**UMUTWE WA III: INZEGO ZIFITE URUHARE RWO KWIMURA ABANTU, IMIHANGO IKURIKIZWA, UBURENGANZIRA BW'ABIMURWA N'UBW'ABIMURA KU MPAMVU Z'INYUNGU RUSANGE**

public domain.

An Order of the Minister in charge of lands, on the Minister's own initiative or upon request by relevant public institution, determines any other activity of public interest.

**Article 6: Activities to implement land use and development master plans**

The initiator of an act aimed at the implementation of land use and development master plans shall first negotiate with owners of assets that are affected by the project.

In case negotiations fail, formalities related to expropriation in the public interest shall be followed upon request of the expropriator and the initiator of the project, taking into account the interests of the person to be expropriated.

The price or value of assets affected by the project shall be paid by the initiator of the project before any commencement of activities.

**CHAPTER III: COMPETENT AUTHORITIES, PROCEDURES AND RIGHTS OF PERSONS TO BE EXPROPRIATED AND EXPROPRIATORS IN THE CONTEXT OF EXPROPRIATION IN THE PUBLIC INTEREST**

d'intérêt général.

Un arrêté du Ministre ayant la terre dans ses attributions, sur l'initiative du Ministre ou à la demande de l'institution publique concernée, détermine toute autre activité d'utilité publique.

**Article 6: Travaux visant l'exécution des schémas-directeurs d'utilisation et d'aménagement des terres**

L'initiateur d'une opération visant la mise en œuvre des schémas-directeurs d'utilisation et d'aménagement des terres doit négocier au préalable avec les propriétaires des biens qui seront affectés par son projet.

En cas d'échec de la procédure, les formalités relatives à l'expropriation pour cause d'utilité publique sont déclenchées à la demande de l'expropriant et de l'initiateur du projet en tenant en compte les intérêts de l'exproprié.

Le prix ou la valeur des biens affectés par le projet est payé par l'initiateur du projet avant le commencement des travaux.

**CHAPITRE III: AUTORITES COMPETENTES, PROCEDURES ET DROITS DES EXPROPRIES ET DES EXPROPRIANTS DANS LE CADRE DE L'EXPRORIATION POUR CAUSE D'UTILITE PUBLIQUE**

**Icyiciro cya mbere: Inzego zifite uruhare mu kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange**

**Ingingo ya 7: Inzego zigaragaza imishinga yo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange**

Inzego zigaragaza imishinga yo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange ni izi zikurikira:

1° Komite Nyobozi ku rwego rw'Akarere, iyo imirimo ireba Akarere kamwe;

2° Komite Nyobozi ku rwego rw'Umujyi wa Kigali, iyo imirimo ireba Akarere karenze kamwe mu mbago z'Umujyi wa Kigali;

3° Minisiteri bireba, iyo imirimo iteganyijwe ireba Uturere turenze kamwe cyangwa ari igikorwa cyo ku rwego rw'Igihugu, haseguriwe ibivugwa mu gace ka 2° k'iyi ngingo.

**Ingingo ya 8: Inzego zigenzura imishinga yo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange**

Hashyizweho Komite zishinzwe kugenzura imishinga yo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange zikurikira:

**Section One: Competent authorities to carry out expropriation in the public interest**

**Article 7: Organs determining projects of expropriation in the public interest**

Organs which determine projects of expropriation in the public interest are the following:

1° the Executive Committee at the District level, in case such activities concern one district;

2° the Executive Committee at the level of the City of Kigali, in case such activities concern more than one district in the boundaries of the City of Kigali ;

3° the relevant Ministry, in case planned activities concern more than one District or if it is an activity at the national level, subject to provisions of item 2° of this Article.

**Article 8: Organs supervising projects of expropriation in the public interest**

Organs in charge of supervising projects of expropriation in the public interest are hereby established as follows:

**Section première: Autorités compétentes en expropriation pour cause d'utilité publique**

**Article 7: Organes chargés de déterminer les projets d'expropriation pour cause d'utilité publique**

Les organes chargés de déterminer les projets d'expropriation pour cause d'utilité publique sont les suivants:

1° le Comité Exécutif au niveau du District lorsque les travaux concernent un seul district;

2° le Comité Exécutif au niveau de la Ville de Kigali lorsque les travaux concernent plus d'un district dans les limites de la Ville de Kigali;

3° le Ministère concerné lorsque les travaux envisagés concernent plus d'un District ou lorsqu'il s'agit d'une opération au niveau national, sous réserve des dispositions du point 2° du présent article.

**Article 8:Organes chargés de contrôler les projets d'expropriation pour cause d'utilité publique**

Il est créé les organes chargés de contrôler les projets d'expropriation pour cause d'utilité publique qui sont les suivants:

1° Komite ishinzwe kugenzura imishinga yo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange ku rwego rw'Akarere, iyo ari umushinga ureba Akarere kamwe;

2° Komite ishinzwe kugenzura imishinga yo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange ku rwego rw'Umujyi wa Kigali, iyo ari umushinga ureba Uturere turenze kamwe mu mbago z'Umujyi wa Kigali;

3° Komite ishinzwe kugenzura imishinga yo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange ku rwego rw'Igihugu, iyo ari umushinga ureba Uturere turenze kamwe cyangwa umushinga wo ku rwego rw'Igihugu, haseguriwe ibivugwa mu gace ka 2° k'iyi ngingo.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho imiterere, imikorere, inshingano n'abagize Komite zishinzwe kugenzura imishinga yo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange.

**<u>Ingingo ya 9:</u> Inzego zemeza ko abantu bimurwa ku mpamvu z'inyungu rusange**

Inzego zemeza ko abantu bimurwa ku mpamvu z'inyungu rusange ni izi zikurikira:

1° ku rwego rw' Akarere, ni Inama Njyanama y'Akarere ishingiye ku nama ya Komite ishinzwe kugenzura imishinga yo kwimura abantu ku

**1°** the committee in charge of supervision of projects of expropriation in the public interest at the District level where the project concerns one district;

**2°** the committee in charge of supervision of projects of expropriation in the public interest at the City of Kigali level where the project concerns more than one District within the boundaries of the City of Kigali ;

**3°** the committee in charge of supervision of projects of expropriation due to public interest at the national level where the project concerns more than one District or it is a project at the national level, subject to the provisions of item 2° of this Article.

An Order of the Prime Minister shall determine the organization, functioning, responsibilities and composition of the committees in charge of supervision of projects of expropriation in the public interest.

**<u>Article 9:</u> Organs approving expropriation in the public interest**

The organs approving expropriation in the public interest are the following:

1° at the District level, it is the District Council after considering the recommendation of the committee in charge of supervision of projects of expropriation in the public

1° le comité chargé de contrôler les projets d'expropriation pour cause d'utilité publique au niveau du District lorsqu'il s'agit d'un projet qui concerne un district;

2° le comité chargé de contrôler les projets d'expropriation pour cause d'utilité publique au niveau de la Ville de Kigali lorsqu'il s'agit d'un projet qui concerne plus d'un District dans les limites de la Ville de Kigali ;

3° le comité chargé de contrôler les projets d'expropriation pour cause d'utilité publique au niveau national lorsqu'il s'agit d'un projet qui concerne plus d'un District ou d'un projet au niveau national, sous réserve des dispositions du point 2°du présent article.

Un arrêté du Premier Ministre détermine l'organisation, le fonctionnement, les attributions et la composition des comités chargés du contrôle des projets d'expropriation pour cause d'utilité publique.

**<u>Article 9:</u> Organes chargés d'approuver l'expropriation pour cause d'utilité publique**

Les organes chargés d'approuver l'expropriation pour cause d'utilité publique sont les suivants:

1° le Conseil de District au niveau du District sur proposition du comité chargé de contrôler les projets d'expropriation pour cause d'utilité publique au niveau du District;

mpamvu z'inyungu rusange ku rwego rw'Akarere;

2° ku rwego rw' Umujyi wa Kigali, iyo ari umushinga ureba Uturere turenze kamwe mu mbago z'Umujyi wa Kigali, ni Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali ishingiye ku nama ya Komite ishinzwe kugenzura imishinga yo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange ku rwego rw'Umujyi wa Kigali;

3° ku rwego rw'Uturere turenze kamwe, ni Minisiteri ifite ubutaka mu nshingano zayo, ishingiye ku nama ya Komite ishinzwe kugenzura imishinga yo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange ku rwego rw'Igihugu, haseguriwe ibivugwa mu gace ka 2 k'iyi ngingo. Hakoreshwa Iteka rya Minisitiri;

4° ku rwego rw'Igihugu, ku bikorwa bigamije umutekano n'ubusugire bw'Igihugu, ni Serivise za Minisitiri w'Intebe hashingiwe ku nama ya Komite ishinzwe kugenzura imishinga yo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange ku rwego rw'Igihugu hakoreshejwe Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

interest at the District level ;

2° at the level of the City of Kigali, where the project concerns more than one district within the boundaries of the City of Kigali, it is the Council of the City of Kigali after considering the recommendation of the committee in charge of supervision of projects of expropriation in the public interest at the level of the City of Kigali;

3° at the level of more than one District, the Ministry in charge of land, upon proposal by the Committee in charge of supervision of projects of expropriation in the public interest at national level subject to provisions of item 2 of this Article. A Ministerial Order shall be used;

4° at the national level and in case of activities related to security and national sovereignty, the Prime Minister's Office upon proposal by the Committee in charge of supervision of projects of expropriation in the public interest at the national level by way of a Prime Minister's Order.

2° le Conseil de la Ville de Kigali lorsqu'il s'agit d'un projet qui concerne plus d'un district dans les limites de la Ville de Kigali sur proposition du comité chargé de contrôler les projets d'expropriation pour cause d'utilité publique au niveau de la Ville de Kigali;

3° au niveau de plus d'un District, le Ministère ayant la terre dans ses attributions, sur proposition du Comité chargé de contrôler les projets d'expropriation pour cause d'utilité publique au niveau national, sous réserve des dispositions du point 2 du présent article. Il est procédé par voie d'arrêté ministériel;

4° au niveau national, les services du Premier Ministre sur proposition du comité chargé de contrôler les projets d'expropriation pour cause d'utilité publique au niveau national par voie d'arrêté du Premier Ministre lorsqu'il s'agit des opérations relatives à la sécurité et à l'intégrité nationale.

**Icyiciro cya 2: Imihango ikurikizwa mu kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange**

**Ingingo ya 10: Ubusabe bwo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange**

Inyandiko isaba kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange igomba kugaragaramo ibi bikurikira:

1° imiterere y'umushinga;

2° ikigaragaza ko umushinga ugamije inyungu rusange;

3° igishushanyo mbonera cy'ubutaka umushinga uzakorerwaho;

4° inyandiko igaragaza ko umushinga utabangamiye ibidukikije;

5° inyandiko ihamya ko amafaranga y'indishyi ikwiye ahari;

6° isobanurampamvu rigaragaza ko ubwo butaka cyangwa aho hantu ari ho habereye uwo mushinga;

7° inyandikomvugo igaragaza ko abaturage bireba basobanuriwe iby'uwo mushinga n'akamaro kawo;

**Section 2: Procedure for expropriation in the public interest**

**Article 10: Request for expropriation in the public interest**

The application for expropriation in the public interest shall contain the following information:

**1°** the nature of the project;

**2°** the indication that the project aims at the public interest;

**3°** the master plan of land where the project will be carried out;

**4°** the document indicating that the project has no detrimental effect on the environment;

**5°** the document confirming the availability of funds for fair compensation;

**6°** the explanatory note detailing that such land or place suits the project;

**7°** the minutes indicating that the concerned population was sensitized about the project and its importance;

**Section 2: Procédure d'expropriation pour cause d'utilité publique**

**Article 10: Demande d'expropriation pour cause d'utilité publique**

Le dossier de requête en expropriation pour cause d'utilité publique doit comprendre les éléments suivants:

1° la nature du projet;

2° la justification du caractère d'intérêt général du projet;

3° le schéma directeur du terrain sur lequel le projet sera réalisé;

4° le document indiquant que le projet n'a pas d'effets préjudiciables à l'environnement;

5° le document prouvant l'existence des fonds pour une juste indemnisation;

6° l'exposé des motifs relatif à l'adéquation entre le projet et le terrain;

7° le procès-verbal de la réunion consultative indiquant que la population a été sensibilisée sur le projet et son intérêt;

8° inyigo igaragaza ingaruka ku mibereho y'abimurwa.

Icyakora, igishushanyombonera kivugwa mu gace ka 3° k'igika cya mbere cy'iyi ngingo kigomba kugaragaramo by'umwihariko ibi bikurikira:

1° igishushanyo cyangwa amakarita yerekana imbago z'ubutaka iyo mirimo izakorerwaho;

2° imiterere y'ibintu biri kuri ubwo butaka;

3° urutonde rw'abafite uburenganzira bwanditse ku mpapurompamo z'ubwo butaka;

4° urutonde rw'abafite uburenganzira ku bikorwa biri kuri ubwo butaka.

**Ingingo ya 11: Gusuzuma ishingiro ry'umushinga wo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange**

Komite ishinzwe kugenzura imishinga yo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange bireba, bitarenze iminsi mirongo itatu (30) nyuma yo kugezwaho ubusabe, isuzuma ishingiro ry'uwo mushinga kandi igakorana inama nyunguranabitekerezo n'abaturage b'aho ubutaka buherereye ku bijyanye n'ishingiro ry'umushinga wo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange. Komite ibamenyesha itariki,

**8°** a study indicating consequences on living conditions of persons to be expropriated.

However, the master plan referred to in item 3° of Paragraph One of this Article shall particularly indicate the following:

**1°** the plan or maps indicating the demarcations of the land where activities shall be carried out;

**2°** the nature of assets on that land;

**3°** the list indicating holders of rights registered on the land titles;

**4°** the list of authorized beneficiaries of property incorporated on that land.

**Article 11: Consideration of the relevance of the project proposal for expropriation in the public interest**

The relevant committee in charge of monitoring projects of expropriation in the public interest shall consider the relevance of the project within a period not exceeding thirty (30) days after receiving the request for expropriation and shall conduct a consultative meeting with the population living where the land is located concerning the relevance of the project of expropriation in the public interest. The

8° une étude indiquant les conséquences sur les conditions de vie des expropriés.

Toutefois, le schéma directeur prévu au point 3° de l'alinéa premier du présent article doit particulièrement comprendre les éléments suivants:

1° le schéma ou les cartes faisant état des limites du terrain sur lequel ces travaux seront réalisés;

2° la nature des biens situés dans le périmètre du terrain;

3° la liste des détenteurs de droits enregistrés sur les titres fonciers de ce terrain;

4° la liste des ayant droits aux biens incorporés sur le terrain.

**Article 11: Examen de la pertinence du projet d'expropriation pour cause d'utilité publique**

Le comité chargé de contrôler les projets d'expropriation pour cause d'utilité publique compétent procède à l'examen de la pertinence du projet dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours après réception de la requête en expropriation pour cause d'utilité publique et tient une réunion consultative avec la population du lieu de situation du terrain à propos de la pertinence du projet d'expropriation pour cause

isaha n'aho inama izabera.

Inyandikomvugo y'inama ishyirwaho umukono n'abagize Komite bayitabiriye.

**Ingingo ya 12: Ihezwa mu nama rya bamwe mu bagize Komite ishinzwe kugenzura imishinga yo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange**

Umuntu wese uri muri Komite ishinzwe kugenzura imishinga yo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange abujijwe kuba mu bafata ibyemezo iyo inama isuzuma ibibazo bimureba, cyangwa iyo isuzuma ibibazo afitemo inyungu, iyo bireba ababyeyi be, abo bafitanye isano kugeza ku rwego rwa kabiri cyangwa iyo bireba abo bafitanye isano rishingiye ku bushyingirane kugeza ku rwego rwa kabiri. Uwo bireba cyangwa undi wese ubifiteho amakuru abimenyesha mbere Komite mu nyandiko bityo akiheza cyangwa agahezwa mu nama zayo igihe cyose hasuzumwa uwo mushinga w'iyimura.

Icyakora, afite uburenganzira bwo kwitabira inama nyunguranabitekerezo nk'abandi baturage bireba.

**Ingingo ya 13: Isimburwa rya Komite ishinzwe kugenzura imishinga yo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange**

Mu gihe bigaragaye ko benshi mu bagize

committee shall inform them about the date, time and venue of that meeting.

The minutes of the meeting shall be signed by present members of the Committee.

**Article 12: Exclusion of some members of the committee in charge of monitoring projects of expropriation in the public interest from a meeting**

Any member of the committee in charge of monitoring projects of expropriation in the public interest shall be prohibited to be among members who take decisions when the committee is assessing issues that have direct link to him/her, or issues that affect his/her personal interests, his/her parents, relatives up to the second degree, or in-laws up to the second degree. Any concerned person or any person who has information on the subject shall inform in writing the committee prior to its meeting and shall be excused or excluded from the meeting as long as the committee is assessing such project of expropriation.

However, he/she shall have the right to participate in consultative meetings as any other person concerned.

**Article 13: Replacement of the committee in charge of monitoring projects of expropriation in the public interest**

Where it happens that several members of the

d'utilité publique. Le comité les informe de la date, de l'heure et du lieu de la réunion.

Le procès-verbal de la réunion est signé par les membres du Comité présents.

**Article 12: Exclusion de certains membres du Comité chargé de contrôler les projets d'expropriation pour cause d'utilité publique à la réunion**

Il est interdit à un membre du Comité chargé de contrôler les projets d'expropriation pour cause d'utilité publique de prendre part à la prise de décision lorsque la réunion traite des affaires qui le concernent personnellement, ou des affaires touchant à ses intérêts ou qui concernent ses parents, les membres de sa famille jusqu'au second degré ou les parents collatéraux jusqu'au second degré. Toute personne concernée ou qui détient une information en la matière le notifie au préalable par écrit au Comité et se retire ou est récusée de la réunion du Comité aussi longtemps que ce projet d'expropriation est en cours d'examen.

Toutefois, il a le droit de participer à la réunion consultative comme toute autre personne concernée.

**Article 13: Remplacement du Comité chargé de contrôler les projets d'expropriation pour cause d'utilité publique**

Lorsqu'il s'avère que les membres du Comité qui

Komite bafite inyungu kuri ubwo butaka busabwa gukorerwaho imirimo y'inyungu rusange ku buryo Komite idashobora kugira umubare wa ngombwa ngo iterane, umushinga wigwa na Komite yo ku rwego rwisumbuye.

Iyo bireba abagize Komite ishinzwe kugenzura imishinga yo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange ku rwego rw'igihugu, umushinga usuzumwa na Minisiteri ifite ubutaka mu nshingano zayo

**<u>Ingingo ya 14:</u> Umwanzuro ku ishingiro ry'umushinga wo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange**

Mu gihe isanze umushinga ufite ishingiro, Komite ishinzwe kugenzura imishinga yo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange ku rwego rubifitiye ububasha, ishyikiriza mu nyandiko Inama Njyanama ku rwego rw'Akarere cyangwa ku rwego rw'Umujyi wa Kigali cyangwa Minisiteri ifite ubutaka mu nshingano zayo, umwanzuro yafashe nibura mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) nyuma y'ikiganiro nyunguranabitekerezo n'abaturage bireba.

Iyo Komite isanze umushinga udafite ishingiro ibimenyesha uwasabye kwimura n'abagombaga kwimurwa mu buryo no mu gihe giteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

committee have interest in the land concerned by the request for expropriation to the extent that the quorum for the committee meeting my not be reached, the project shall be examined by the committee at the upper level.

Where the project concerns members of the committee in charge of monitoring projects of expropriation in the public interest at national level, the project shall be examined by the Ministry in charge of land.

**<u>Article 14:</u> Decision on the relevance of a project of expropriation in the public interest**

Where the committee in charge of monitoring of projects of expropriation in the public interest at the level of competent authority finds that the project is relevant, it shall submit in writing its decision to the District Council or Kigali City Council or the Ministry in charge of land within at least fifteen (15) days after the consultative meeting with the concerned population.

Where the committee finds that the project is not relevant, it shall inform the person that requested for expropriation and the persons that had to be expropriated in the way and within the period provided for in Paragraph One of this Article.

ont un intérêt sur le terrain faisant l'objet de requête en expropriation sont tellement nombreux que le quorum requis pour la réunion du Comité ne peut pas être atteint, le projet est examiné par le Comité au niveau directement supérieur.

Lorsque le terrain présente un intérêt pour les membres du Comité chargé de contrôler les projets d'expropriation pour cause d'utilité publique au niveau national, l'examen du projet est assuré par le Ministère ayant les terres dans ses attributions.

**<u>Article 14:</u> Décision sur la pertinence d'un projet d'expropriation pour cause d'utilité publique**

Lorsque le Comité chargé de contrôler les projets d'expropriation pour cause d'utilité publique au niveau de l'autorité compétente constate la pertinence du projet, il communique par écrit sa décision au Conseil de District ou au Conseil de la Ville de Kigali ou au Ministère ayant la terre dans ses attributions au moins dans les quinze (15) jours qui suivent la tenue de la réunion consultative avec la population concernée.

Lorsque le Comité constate que le projet n'est pas pertinent, il communique la décision au demandeur d'expropriation et aux expropriés selon la voie et dans les délais prescrits à l'alinéa premier du présent article.

**Ingingo ya 15: Kwemeza ko abantu bimurwa ku mpamvu z'inyungu rusange**

Mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uhereye igihe rwagerejweho umwanzuro na Komite ibishinzwe urwego bireba ruteganyijwe mu ngingo ya **9** y'iri tegeko, rushingiye ku mwanzuro wa Komite ishinzwe kugenzura imishinga yo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange ku rwego rubifitiye ububasha, rwemeza ko abantu bimurwa ku mpamvu z'inyungu rusange.

**Ingingo ya 16: Itangazwa ry'icyemezo cyafashwe ku mushinga wo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange**

Icyemezo kivugwa mu ngingo ya 15 y'iri tegeko, gitangazwa nibura kuri imwe mu maradiyo yumvwa na benshi mu Rwanda na nibura muri kimwe mu binyamakuru bikorera mu Rwanda kandi gisomwa n'abantu benshi, kugira ngo abo bireba babimenye. Mu gihe bibaye ngombwa hakoreshwa n'ubundi buryo bw'itumanaho.

Urutonde rw'abafite uburenganzira bwanditse ku mpapurompamo z'ubutaka n'ibikorwa byabukoreweho bimanikwa ahagaragara ku biro by'Umujyi wa Kigali, iby'Akarere, iby'Umurenge n'iby'Akagari aho ubwo butaka buherereye.

**Article 15: Approval of expropriation in the public interest**

On the basis of the decision of the Committee in charge of monitoring projects for expropriation in the public interest at the competent authority level, the relevant organ provided under Article 9 of this Law shall within fifteen (15) days of receiving the decision of the relevant Committee approve expropriation in the public interest.

**Article 16: Publication of the decision on a project for expropriation in the public interest**

The decision provided for under Article 15 of this Law shall be announced on at least one of the radio stations with a wide audience in Rwanda and in at least one of Rwanda-based newspapers with a wide readership in order for the relevant parties to be informed thereof. If necessary, any other means of communication shall be used.

The list of holders of rights registered on land titles and property incorporated on land shall be posted in a publicly accessible place at the office of the City of Kigali, the District, the Sector and the Cell of the place in which the land is located.

**Article 15: Approbation de l'expropriation pour cause d'utilité publique**

Sur base de la décision du Comité chargé de contrôler les projets d'expropriation pour cause d'utilité publique au niveau de l'autorité compétente, l'organe concerné visé à l'article 9 de la présente loi approuve le projet d'expropriation pour cause d'utilité publique dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours à compter de la date de réception de la décision du Comité compétent.

**Article 16: Publication de la décision sur un projet d'expropriation pour cause d'utilité publique**

La décision visée à l'article 15 de la présente loi est annoncée à au moins l'une des stations de radio ayant un vaste auditoire au Rwanda et dans au moins l'un des journaux basés au Rwanda ayant un vaste lectorat pour que les parties concernés en prennent connaissance. En cas de besoin, il est fait recours à tout autre moyen de communication.

La liste des détenteurs des droits enregistrés sur les titres fonciers et des biens incorporés sur le terrain est affichée dans un lieu accessible au public au Bureau de la Ville de Kigali, du District, du Secteur et de la Cellule du lieu de situation du terrain.

Gutangaza icyemezo cyafashwe ku mushinga wo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange no kumanika urutonde rw'abafite uburenganzira bwanditse ku mpapurompamo z'ubutaka n'ibikorwa byabukoreweho bikorwa mu gihe kitarengeje iminsi cumi n'itanu (15) ibarwa nyuma yo kwemeza ko abantu bimurwa ku mpamvu z'inyungu rusange.

**<u>Ingingo ya 17:</u> Agaciro k'ibikorwa bikozwe nyuma yo gutangaza icyemezo cyo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange**

Nyuma y'uko icyemezo cyo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange n'urutonde rw'abafite uburenganzira bwanditse ku mpapurompamo z'ubutaka n'ibikorwa byabukoreweho bitangajwe, nta bindi bikorwa birambye nyir'ubutaka yemerewe kuhakorera. Iyo abikoze, nta gaciro bihabwa mu gihe cy'iyimurwa.

**<u>Icyiciro cya 3:</u> Uburenganzira bw'abimurwa n'ubw'abimura ku mpamvu z'inyungu rusange**

**<u>Ingingo ya 18:</u> Gusaba ko icyemezo cyo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange gisubirwamo**

Umuntu urebwa n'icyemezo cyo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange afite uburenganzira bwo gusaba ko icyo cyemezo cyafashwe gisubirwamo atakambira Urwego rukuriye urwafashe icyemezo. Gutakamba

The publication of the decision on a project for expropriation in the public interest and the list of holders of rights registered on land titles and property incorporated on land shall be done within fifteen (15) days of approving expropriation in the public interest.

**<u>Article 17:</u> Value of activities developed after the publication of the decision of expropriation in the public interest**

Ku mitungo itagira beneyo, amafaranga y'indishyi ikwiye abikwa hakurikijwe amategeko abigenga agashyirwa kuri konti ntakorwaho yabigenewe.

For abandoned properties, the amount of fair compensation shall be kept in accordance with relevant laws and deposited into a blocked account opened for this purpose.

Pour les biens abandonnés, la juste indemnisation est gardée conformément aux lois en la matière et est versée au compte bloqué ouvert à cet effet.

**<u>Ingingo ya 39:</u> Uburyo bwo gutanga indishyi ikwiye itari amafaranga**

**<u>Article 39:</u> Mode of payment of fair compensation in kind**

**<u>Article 39:</u> Mode de paiement de la juste indemnisation en nature**

Mugihe cy'iyishyurwa ry'indishyi ikwiye itari amafaranga, icyumvikanyweho gitangwa hashingiwe ku ndishyi ikwiye yumvikanyweho.

In case of payment of fair compensation in kind, the type of fair compensation agreed upon shall be paid in accordance with the agreed upon fair compensation.

En cas de paiement d'une juste indemnisation en nature, cette juste indemnisation convenue est payée conformément à la juste indemnisation convenue.

Iyo indishyi ikwiye igomba guhabwa abimurwa barenze umwe basangiye uburenganzira kuri uwo mutungo, icyumvikanyweho kigomba kwemezwa n'ababusangiye bose.

If, in case of joint ownership, fair compensation must be paid to more than one person to be expropriated, such fair compensation shall be mutually agreed upon between the joint owners.

Lorsque, en cas de copropriété, la juste indemnisation doit être octroyée à plusieurs personnes, ces co-titulaires doivent se convenir sur cette juste indemnisation.

Icyumvikanyweho gikorerwa inyandiko ishyirwaho umukono cyangwa igikumwe n'uwimura n'uwimurwa.

Minutes shall be taken of mutually agreed form of fair compensation and bear the signature or fingerprint of both the expropriator and the person to be expropriated.

Il est fait un procès-verbal d'une juste indemnisation convenue qui porte la signature ou l'empreinte digitale de l'expropriant et de l'exproprié.

**<u>UMUTWE WA V:</u> INGINGO Y'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**<u>CHAPTER V:</u> TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**<u>CHAPITRE V:</u> DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**

**<u>Ingingo ya 40:</u> Ibiciro byari bisanzwe bikurikizwa**

**<u>Article 40:</u> Existing land values**

**<u>Article 40:</u> Valeurs foncières existantes**

Mu gihe ibiciro biteganywa mu ngingo ya 22 y'iri tegeko bitaratangazwa, ibyari bisanzwe bikomeza gukurikizwa mu gihe kitarenze amezi

Pending the publication of the values provided under Article 22 of this Law, the existing values shall apply for a period not exceeding six (6)

Dans l'attente de la publication des valeurs prévues à l'article 22 de la présente loi , les valeurs foncières existantes restent d'application

atandatu (6), uhereye ku munsi iri tegeko ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

months from the date of publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

pour un délai ne dépassant pas six (6) mois à compter du jour de la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda.

**Ingingo ya 41: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Article 41: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

**Article 41: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

**Ingingo ya 42: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Itegeko n° 18/2007 ryo kuwa 19 Mata 2007 ryerekeye kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

**Article 42: Repealing provision**

Law n° 18/2007 of 19 April 2007 relating to expropriation in the public interest and all prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

**Article 42: Disposition abrogatoire**

La Loi n° 18/2007 du 19 avril 2007 portant expropriation pour cause d'utilité publique ainsi que toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Ingingo ya 43: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**Article 43: Commencement**

This Law shall come into force on the day of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

**Article 43: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa 11/06/2015

Kigali, on 11/06/2015

Kigali, le 11/06/2015

(sé)
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

(sé)
**MUREKEZI Anastase**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)
**BUSINGYEJohnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
**MUREKEZI Anastase**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
**KAGAME Paul**
Président de la République

(sé)
**MUREKEZI Anastase**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**ITEGEKO N° 43/2015 RYO KU WA 29/08/2015 RISHYIRAHO KOMISIYO ISHINZWE KUNGANIRA INTEKO ISHINGA AMATEGEKO MU IVUGURURWA RY'ITEGEKO NSHINGA RYA REPUBULIKA Y'U RWANDA RYO KU WA 04 KAMENA 2003 NK'UKO RYAVUGURUWE KUGEZA UBU, RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYAYO**

**LAW N°43/2015 OF 29/08/2015 ESTABLISHING THE SUPPORT COMMISSION TO PARLIAMENT FOR THE REVIEW OF THE CONSTITUTION OF THE REPUBLIC OF RWANDA OF 04 JUNE 2003 AS AMENDED TO DATE AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANISATION AND FUNCTIONING**

**LOI Nº 43/2015 DU 29/08/2015 PORTANT CREATION DE LA COMMISSION D'APPUI AU PARLEMENT POUR LA REVISION DE LA CONSTITUTION DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA DU 04 JUIN 2003 TELLE QUE REVISEE A CE JOUR ET DETERMINANT SA MISSION, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

**Ingingo ya 2: Ishyirwaho rya Komisiyo n'igihe izamara**

**Ingingo ya 3: Urwego Komisiyo ishamikiyeho**

**Ingingo ya 4: Icyicaro cya Komisiyo**

**UMUTWE WA II: INSHINGANO N'UBUBASHA BYA KOMISIYO**

**Ingingo ya 5: Inshingano za Komisiyo**

**TABLE OF CONTENTS**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

**Article 2: Establishment and duration of the Commission**

**Article 3: Authority under which the Commission operates**

**Article 4: Head office of the Commission**

**CHAPTER II: MISSION AND POWERS OF THE COMMISSION**

**Article 5: Mission of the Commission**

**TABLE DES MATIERES**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

**Article 2: Création et durée de la Commission**

**Article 3: Organe auquel est attachée la Commission**

**Article 4 : Siège de la Commission**

**CHAPITRE II: MISSION ET POUVOIRS DE LA COMMISSION**

**Article 5: Mission de la Commission**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 6: Ububasha bwa Komisiyo** | **Article 6: Powers of the Commission** | **Article 6: Pouvoirs de la Commission** |
| **UMUTWE WA III: IMITERERE N'IMIKORERE BYA KOMISIYO** | **CHAPTER III: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE COMMISSION** | **CHAPITRE III: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE LA COMMISSION** |
| **Ingingo ya 7: Inzego za Komisiyo** | **Article 7: Organs of the Commission** | **Article 7: Organes de la commission** |
| **Icyiciro cya mbere: Inama y'Abakomiseri** | **Section One: Council of Commissioners** | **Section première: Conseil des Commissaires** |
| **Ingingo ya 8: Inshingano z'Inama y'Abakomiseri** | **Article 8: Functions of the Council of Commissioners** | **Article 8: Attributions du Conseil des Commissaires** |
| **Ingingo ya 9: Abagize Inama y'Abakomiseri** | **Article 9: Composition of the Council of Commissioners** | **Article 9: Composition du Conseil des Commissaires** |
| **Ingingo ya 10: Ibyo Umukomiseri agomba kuba yujuje** | **Article 10: Eligibility requirements for appointment as Commissioner** | **Article 10: Conditions requises pour être Commissaire** |
| **Ingingo ya 11: Ishyirwaho ry'Abakomiseri** | **Article 11: Appointment of Commissioners** | **Article 11: Nomination des Commissaires** |
| **Ingingo ya 12: Impamvu zituma Umukomiseri ava mu mwanya** | **Article 12: Grounds for termination of office of Commissioner** | **Article 12 : Motifs de perte de la qualité de Commissaire** |
| **Article 13: Isimburwa ry'Umukomiseri** | **Article 13: Replacement of a Commissioner** | **Article 13 : Remplacement d'un Commissaire** |
| **Ingingo ya 14: Manda y'Abakomiseri** | **Article 14: Term of office of Commissioners** | **Article 14: Mandat des Commissaires** |
| **Ingingo ya 15: Irahira ry'Abakomiseri** | **Article 15: Taking oath by Commissioners** | **Article 15: Prestation de serment par les Commissaires** |
| **Ingingo ya 16: Itumizwa n'iterana ry'inama n'ifatwa ry'ibyemezo by'Inama y'Abakomiseri** | **Article 16: Convening and holding of meetings and decision-making of the Council of Commissioners** | **Article 16: Convocation et tenue des réunions et prise de décisions du Conseil des Commissaires** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 17: Inshingano za Perezida wa Komisiyo** | **Article 17: Responsibilities of the Chairperson of the Commission** | **Article 17: Attributions du Président de la Commission** |
| **Ingingo ya 18: Inshingano za Visi Perezida wa Komisiyo** | **Article 18: Responsibilities of the Vice Chairperson of the Commission** | **Article 18: Attributions du Vice-Président de la Commission** |
| **Ingingo ya 19: Umushahara n'ibindi bigenerwa Abakomiseri** | **Article 19: Salary and benefits of Commissioners** | **Article 19: Salaire et autres avantages accordés aux Commissaires** |
| **Icyiciro cya 2: Abakozi ba Komisiyo** | **Section 2: Staff of the Commission** | **Section 2: Personnel de la Commission** |
| **Ingingo ya 20: Abakozi ba Komisiyo** | **Article 20: Staff of the Commission** | **Article 20: Personnel de la Commission** |
| **Ingingo ya 21: Sitati igenga abakozi ba Komisiyo** | **Article 21: Statute governing the staff of the Commission** | **Article 21: Statut du personnel de la Commission** |
| **UMUTWE WA IV: INGINGO ZINYURANYE N'INGINGO ZISOZA** | **CHAPTER IV: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE IV: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES** |
| **Ingingo ya 22: Ingengo y'imari ya Komisiyo** | **Article 22: Budget of the Commission** | **Article 22: Budget de la Commission** |
| **Ingingo ya 23: Inyandiko n'ibindi bikoresho bya Komisiyo** | **Article 23: Documents and other equipment of the Commission** | **Article 23: Documents et autres matériels de la Commission** |
| **Ingingo ya 24: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko** | **Article 24: Drafting, consideration and adoption of this Law** | **Article 24: Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| **Ingingo 25: Igihe iri tegeko ritangirira gukurikizwa** | **Article 25: Commencement** | **Article 25: Entrée en vigueur** |

**ITEGEKO N° 43/2015 RYO KU WA 29/08/2015 RISHYIRAHO KOMISIYO ISHINZWE KUNGANIRA INTEKO ISHINGA AMATEGEKO MU IVUGURURWA RY'ITEGEKO NSHINGA RYA REPUBULIKA Y'U RWANDA RYO KU WA 04 KAMENA 2003 NK'UKO RYAVUGURUWE KUGEZA UBU, RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYAYO**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 19 Kanama 2015;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo ku wa 27 Kanama 2015;

**LAW N°43/2015 OF 29/08/2015 ESTABLISHING THE SUPPORT COMMISSION TO PARLIAMENT FOR THE REVIEW OF THE CONSTITUTION OF THE REPUBLIC OF RWANDA OF 04 JUNE 2003 AS AMENDED TO DATE AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANISATION AND FUNCTIONING**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 19 August 2015;

The Senate, in its session of 27 August 2015;

**LOI Nº 43/2015 DU 29/08/2015 PORTANT CREATION DE LA COMMISSION D'APPUI AU PARLEMENT POUR LA REVISION DE LA CONSTITUTION DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA DU 04 JUIN 2003 TELLE QUE REVISEE A CE JOUR ET DETERMINANT SA MISSION, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 19 août 2015;

Le Sénat, en sa séance du 27 août 2015;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 61, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 91, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108, iya 113, iya 176 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 61, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 91, 92, 93, 94, 95, 108, 113, 176 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 61, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 91, 92, 93, 94, 95, 108, 113, 176 et 201;

**YEMEJE:**

**ADOPTS:**

**ADOPTE:**

## UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

## CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

## CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

### Ingingo ya mbere: Icyo iritegeko rigamije

Iri tegeko rishyiraho Komisiyo ishinzwe kunganira Inteko Ishinga Amategeko, Imitweyombi, mu ivugururwa ry'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu. Rigena kandi inshingano, imiterere n'imikorere byayo.

### Article One: Purpose of this Law

This Law establishes the Support Commission to Parliament, both Chambers, for the review of the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date. It also determines its mission, organization and functioning.

### Article premier: Objet de la présente loi

La présente loi porte création de la Commission d'appui au Parlement, les deux Chambres, pour la révision de la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour. Elle détermine également sa mission, son organisation et son fonctionnement.

### Ingingo ya 2: Ishyirwaho rya Komisiyo n'igihe izamara

Hashyizweho Komisiyo ishinzwe kunganira Inteko Ishinga Amategeko mu ivugururwa ry'Itegeko Nshinga, yitwa «Komisiyo» muri iri tegeko.

Komisiyo ishyiriweho igihe cy'amezi ane (4) gishobora kongerwa n'Iteka rya Perezida.

### Article 2: Establishment and duration of the Commission

There is hereby established a Support Commission to Parliament for Constitutional Review, hereinafter referred to as "the Commission".

The Commission is established for a period of four (4) months renewable by a Presidential Order.

### Article 2: Création et durée de la Commission

Il est créé une Commission d'appui au Parlement pour la révision de la Constitution, ci-après dénommée « la Commission».

La Commission est créée pour une durée de quatre (4) mois renouvelable par Arrêté Présidentiel.

**Ingingo ya 3: Urwego Komisiyo ishamikiyeho**

Komisiyo ishamikiye ku Nteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite.

**Ingingo ya 4: Icyicaro cya Komisiyo**

Icyicaro cya Komisiyo kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda.

**UMUTWE WA II: INSHINGANO N'UBUBASHA BYA KOMISIYO**

**Ingingo ya 5: Inshingano za Komisiyo**

Komisiyo ifite inshingano rusange yo kunganira Inteko Ishinga Amategeko mu ivugururwa ry'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu.

By'umwihariko, Komisiyo ifite inshingano zikurikira:

1° gusesengura ibitekerezo by'Abanyarwanda ku ivugururwa ry'Itegeko Nshinga hagamijwe kunoza ingingo zavugururwa;

2° gukora ubushakashatsi bwimbitse ku Itegeko Nshinga hagamijwe kureba ingingo zavugururwa n'uko zavugururwa;

**Article 3: Authority under which the Commission operates**

The Commission shall operate under the Parliament, Chamber of Deputies.

**Article 4: Head office of the Commission**

The head office of the Commission shall be located in the City of Kigali, the Capital of the Republic of Rwanda.

**CHAPTER II: MISSION AND POWERS OF THE COMMISSION**

**Article 5: Mission of the Commission**

The overall mission of the Commission shall be to assist the Parliament in the review of the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date.

In particular, the Commission shall have the following responsibilities:

1° to analyze Rwandan people's views on the review of the Constitution in order to better redraft the provisions to be reviewed;

2° to carry out thorough research on the Constitution in order to identify provisions that are subject to review and

**Article 3: Organe auquel est attachée la Commission**

La Commission est attachée au Parlement, Chambre des Députés.

**Article 4: Siège de la Commission**

Le siège de la Commission est situé dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda.

**CHAPITRE II: MISSION ET POUVOIRS DE LA COMMISSION**

**Article 5: Mission de la Commission**

La Commission a pour mission générale d'appuyer le Parlement dans la révision de la Constitution de la République du Rwanda du 04 Juin 2003 telle que révisée à ce jour.

Les attributions de la Commission sont particulièrement les suivantes:

1° analyser les points de vue du peuple rwandais sur la révision de la Constitution en vue d'une meilleure reformulation des dispositions devant faire l'objet de révision;

2° mener des recherches approfondies sur la Constitution en vue d'identifier les dispositions devant faire l'objet de la

3° gutegura no gushyikiriza Umutwe w'Abadepite imbanzirizamushinga y'ivugururwa ry'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu;

4° gukora raporo y'imirimo yose yakozwe na Komisiyo no kuyishyikiriza Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi;

5° gukora izindi nshingano zijyanye no kuvugurura Itegeko Nshinga yahabwa n'urwego ishamikiyeho.

**<u>Ingingo ya 6</u>: Ububasha bwa Komisiyo**

Mu rwego rwo kurangiza inshingano zayo, Komisiyo ifite ububasha bwo gusaba cyangwa gutumira mu nama zayo urwego urwo ari rwo rwose rwaba urwa Leta cyangwa urwigenga**,** umukozi wa Leta cyangwa uwigenga, amakuru yafasha Komisiyo kugera ku nshingano zayo.

**<u>UMUTWE WA III</u>: IMITERERE N'IMIKORERE BYA KOMISIYO**

**<u>Ingingo ya 7</u>: Inzego za Komisiyo**

Inzego za Komisiyo ni izi zikurikira:

consider procedures for review thereof;

3° to prepare the preliminary draft of the revised Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date and submit it to the Chamber of Deputies;

4° to write a report on all the activities carried out by the Commission and submit it to the Parliament, both Chambers;

5° to perform such other Constitutional review-related functions as the authority under which the Commission operates may direct.

**<u>Article 6</u>: Powers of the Commission**

In order to discharge its mandate, the Commission shall have powers to require any public or private institution, a public servant or a private employee to provide any information that may be relevant in the accomplishment of its mission or participate in its meetings.

**<u>CHAPTER III</u>: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE COMMISSION**

**<u>Article 7</u>: Organs of the Commission**

The Commission shall have the following organs:

révision et d'en examiner les modalités de révision;

3° initier l'avant-projet de la révision de la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour et le transmettre à la Chambre des Députés ;

4° rédiger le rapport sur toutes les activités réalisées par la Commission et le soumettre au Parlement, les deux Chambres;

5° remplir toutes autres fonctions liées à la révision de la Constitution lui assignées par l'organe auquel elle est attachée.

**<u>Article 6</u>: Pouvoirs de la Commission**

Pour s'acquitter de son mandat, la Commission est dotée des pouvoirs de demander à toute institution publique ou privée, à un fonctionnaire de l'Etat ou à un employé privé de fournir des informations nécessaires à l'accomplissement de sa mission ou de participer à ses réunions.

**<u>CHAPITRE III</u>: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE LA COMMISSION**

**<u>Article 7</u>: Organes de la commission**

Les organes de la Commission sont les suivants:

1° Inama y'Abakomiseri;

2° Abakozi ba Komisiyo.

**Icyiciro cya mbere: Inama y'Abakomiseri**

**Ingingo ya 8: Inshingano z'Inama y'Abakomiseri**

Inama y'Abakomiseri ni rwo rwego rukuru rwa Komisiyo.

By'umwihariko, Inama y'Abakomiseri ifite inshingano zikurikira:

1° kwemeza gahunda y'ibiri ku murongo w'ibyigwa n'inama zayo;

2° kwemeza gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo;

3° kwemeza imbanzirizamushinga y'imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo ya Komisiyo no kuyishyikiriza Umutwe w'Abadepite;

4° kwemeza amategeko ngengamikorere ya Komisiyo;

5° kwemeza raporo yakozwe ku isesengura ry'ivugururwa ry'Itegeko Nshinga;

6° kwemeza imbanzirizamushinga y'Ivugururwa ry'Itegeko Nshinga ishyikirizwa Umutwe w'Abadepite;

1° Council of Commissioners;

2° Staff of the Commission.

**Section One: Council of Commissioners**

**Article 8: Functions of the Council of Commissioners**

The Council of Commissioners shall be the supreme organ of the Commission.

In particular, the Council of Commissioners shall perform the following functions:

1° to adopt the agenda of its meetings;

2° to approve the action plan of the Commission;

3° to adopt the draft proposal of the organizational structure of the Commission and submit it to the Chamber of Deputies;

4° to approve the internal rules and regulations of the Commission;

5° to adopt the final report on the review of the Constitution;

6° to approve the preliminary draft of the revised Constitution to be submitted to the Chamber of Deputies;

1° le Conseil des Commissaires;

2° le personnel de la Commission.

**Section première: Conseil des Commissaires**

**Article 8: Attributions du Conseil des Commissaires**

Le Conseil des Commissaires est l'organe suprême de la Commission.

Le Conseil des Commissaires exerce, en particulier, les attributions suivantes:

1° adopter l'ordre du jour de ses réunions;

2° approuver le plan d'action de la Commission;

3° approuver le projet de cadre organique de la Commission et le soumettre à la Chambre des Députés;

4° adopter le règlement d'ordre intérieur de la Commission ;

5° approuver le rapport final sur la révision de la Constitution;

6° approuver l'avant-projet de révision de la Constitution devant être transmis à la Chambre des Députés;

7° gufata ibyemezo ku bindi bibazo byose bifitanye isano n'inshingano za Komisiyo.

**<u>Ingingo ya 9</u>: Abagize Inama y'Abakomiseri**

Inama y'Abakomiseri igizwe n'Abakomiseri barindwi (7) bakora ku buryo buhoraho, barimo Perezida na Visi Perezida.

Nibura babiri (2) mu Bakomiseri bagomba kuba barize amategeko.

Iyo bari mu mirimo ya Komisiyo, Abakomiseri bahagarika akandi kazi bakoraga. Mu gihe Komisiyo irangije imirimo yayo Abakomiseri basubira mu mirimo yabo nta nzitizi.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'Abakomiseri bagomba kuba ari abagore.

**<u>Ingingo ya 10</u>: Ibyo Umukomiseri agomba kuba yujuje**

Kugira ngo umuntu abe Umukomiseri agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

1° kuba ari inyangamugayo;

2° kuba atarahamijwe n'inkiko ku buryo bwa burundu icyaha cya jenoside, ibyaha byibasiye inyoko muntu n'icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenoside;

7° to make decisions on any other matters relating to the mission of the Commission.

**<u>Article 9</u>: Composition of the Council of Commissioners**

The Council of Commissioners shall consist of seven (7) full-time members including a Chairperson and Vice Chairperson.

At least two (2) of the Commissioners must be lawyers.

Commissioners shall, during the course of their duties, suspend their regular functions and automatically resume such functions at the end of the mandate of the Commission.

At least thirty percent (30%) of Commissioners must be females.

**<u>Article 10</u>: Eligibility requirements for appointment as Commissioner**

To be eligible for appointment as Commissioner, a person must meet the following requirements:

1° to be a person of integrity;

2° not having been finally convicted of the crime of genocide, crimes against humanity and genocide ideology;

7° prendre des décisions sur toutes les autres questions en rapport avec la mission de la Commission.

**<u>Article 9</u>: Composition du Conseil des Commissaires**

Le Conseil des Commissaires est composé de sept (7) Commissaires exerçant les fonctions à titre permanent, y compris le Président et le Vice-Président.

Au moins deux (2) des Commissaires doivent être juristes.

Pendant l'exercice de leurs fonctions, les Commissaires suspendent leurs fonctions habituelles et les reprennent d'office à la fin du mandat de la Commission.

Au moins trente pour cent (30%) des Commissaires doivent être de sexe féminin.

**<u>Article 10</u>: Conditions requises pour être Commissaire**

Pour être Commissaire, il faut remplir les conditions suivantes:

1° être intègre;

2° n'avoir pas été condamné définitivement pour crime de génocide, crimes contre l'humanité et crime d'idéologie du génocide;

3° kuba atarakatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6), cyangwa yaragikatiwe akaba yarahanaguweho ubusembwa;

4° kuba afite ubunararibonye mu mirimo y'ubuyobozi.

**Ingingo ya 11: Ishyirwaho ry'Abakomiseri**

Abakomiseri bashyirwaho n'Iteka rya Perezida.

Guverinoma ishyikiriza Sena abakandida ku mwanya w'Ubukomiseri kugira ngo ibemeze.

**Ingingo ya 12: Impamvu zituma Umukomiseri ava mu mwanya**

Umukomiseri ava mu mwanya iyo:

1° apfuye ;

2° asezerewe manda ye itari yarangira;

3° yeguye akoresheje inyandiko ashyikiriza Perezida wa Repubulika;

4° asibye inama z'Inama y'Abakomiseri incuro eshatu (3) zikurikiranye nta mpamvu ;

3° not having been finally sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months or having been rehabilitated in case of conviction;

4° to have experience in the performance of leadership functions.

**Article 11: Appointment of Commissioners**

Commissioners shall be appointed by a Presidential Order.

The Government shall submit a list of candidate Commissioners to the Senate for approval.

**Article 12: Grounds for termination of office of Commissioner**

Termination of office of Commissioner shall result from the following:

1° death;

2° dismissal before the expiry of the term of office;

3° written resignation tendered to the President of the Republic;

4° unjustified absence from three (3) consecutive meetings of the Council of Commissioners;

3° n'avoir pas été condamné définitivement à une peine d'emprisonnement supérieure ou égale à six (6) mois ou avoir été réhabilité en cas de condamnation;

4º avoir une expérience dans l'exercice des fonctions de responsabilité.

**Article 11: Nomination des Commissaires**

Les Commissaires sont nommés par Arrêté Présidentiel.

Le Gouvernement transmet la liste des candidats au poste de Commissaire pour leur approbation par le Sénat.

**Article 12 : Motifs de perte de la qualité de Commissaire**

La cessation des fonctions de Commissaire intervient dans les cas suivants :

1° décès ;

2° révocation avant l'expiration du mandat;

3° démission par notification écrite adressée au Président de la République;

4° absence non motivée dans trois (3) réunions consécutives du Conseil des Commissaires;

5° Komisiyo irangije imirimo yayo.

**Ingingo ya 13: Isimburwa ry'Umukomiseri**

Iyo Umukomiseri ahagaritse imirimo ku mpamvu iyo ari yo yose, Perezida w'Umutwe w'Abadepite abimenyesha mu nyandiko Perezida wa Repubulika akagenera kopi Perezida wa Sena mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) kugira ngo asimburwe.

Gusimbura Umukomiseri bikorwa mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uhereye ku munsi imenyesha rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ingingo ryakoreweho.

**Ingingo ya 14: Manda y'Abakomiseri**

Manda y'Abakomiseri ni amezi ane (4) ishobora kongerwa n'Iteka rya Perezida.

**Ingingo ya 15: Irahira ry'Abakomiseri**

Mbere yo gutangira imirimo yabo, Abakomiseri barahirira imbere y'Urukiko rw'Ikirenga indahiro iteganywa n'Itegeko Nshinga.

5° completion of the mandate of the Commission.

**Article 13: Replacement of a Commissioner**

If a Commissioner for any reason ceases to hold office, the Speaker of the Chamber of Deputies shall so inform the President of the Republic in writing with a copy to the President of the Senate within three (3) days to appoint a replacement.

The replacement of a Commissioner shall be done within fifteen (15) days from the date of the notification provided for in Paragraph One of this Article.

**Article 14: Term of office of Commissioners**

Commissioners shall serve for a term of office of four (4) months renewable by a Presidential Order.

**Article 15: Taking oath by Commissioners**

Before taking up their duties, Commissioners shall take the oath provided for by the Constitution before the Supreme Court.

5° achèvement du mandat de la Commission.

**Article 13 : Remplacement d'un Commissaire**

En cas de cessation de fonctions d'un Commissaire pour une raison quelconque, le Président de la Chambre des Députés en informe par écrit le Président de la République avec copie au Président du Sénat dans un délai ne dépassant pas trois (3) jours pour son remplacement.

Le remplacement d'un Commissaire se fait dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours à compter du jour de notification visée à l'alinéa premier du présent article.

**Article 14: Mandat des Commissaires**

Les Commissaires ont un mandat de quatre (4) mois renouvelable par Arrêté Présidentiel.

**Article 15: Prestation de serment par les Commissaires**

Avant d'entrer en fonctions, les Commissaires prêtent le serment prévu par la Constitution devant la Cour Suprême.

**<u>Ingingo ya 16</u>: Itumizwa n'iterana ry'inama n'ifatwa ry'ibyemezo by'Inama y'Abakomiseri**

Inama y'Inama y'Abakomiseri itumizwa mu nyandiko na Perezida wa Komisiyo cyangwa Visi Perezida mu gihe Perezida adahari.

Inama y'Abakomiseri iterana iyo habonetse nibura bane (4) mu bayigize.

Ibyemezo by'Inama y'Abakomiseri bifatwa ku bwumvikane busesuye bw'abayigize. Iyo ubwo bwumvikane butabonetse, ibyemezo bifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abayigize.

Iyo ubwo bwiganze butabonetse kandi amajwi angana, ijwi rya Perezida ni ryo rikemura impaka.

**<u>Ingingo ya 17</u>: Inshingano za Perezida wa Komisiyo**

Perezida wa Komisiyo afite inshingano zikurikira:

1° kuyobora Komisiyo no guhuza ibikorwa byayo;

2° gutumiza no kuyobora inama z'Inama y'Abakomiseri;

3° gukora indi mirimo yose yasabwa

**<u>Article 16</u>: Convening and holding of meetings and decision-making of the Council of Commissioners**

The meeting of the Council of Commissioners shall be convened in writing by the Chairperson of the Commission or by the Vice-Chairperson in the case of the Chairperson's absence.

A quorum of the Council of Commissioners shall consist of at least four (4) of its members.

Decisions of the Council of Commissioners shall be taken by consensus. If consensus cannot be reached, decisions shall be taken by an absolute majority vote of its members.

If in addition to the failure to reach such an absolute majority, there is equality of votes, the Chairperson shall have a casting vote.

**<u>Article 17</u>: Responsibilities of the Chairperson of the Commission**

The Chairperson of the Commission shall have the following responsibilities:

1° to lead the Commission and coordinate its activities;

2° to convene and chair the meetings of Commissioners;

3° to perform such other duties related to the

**<u>Article 16</u>: Convocation et tenue des réunions et prise de décisions du Conseil des Commissaires**

La réunion du Conseil des Commissaires est convoquée par écrit par le Président de la Commission ou en son absence par le Vice-Président.

Le quorum à la réunion du Conseil des Commissaires est constitué d'au moins quatre (4) de ses membres.

Les décisions du Conseil des Commissaires sont prises par consensus. A défaut du consensus, ses décisions sont prises à la majorité absolue de ses membres.

En cas d'absence de la majorité absolue et lorsqu'il y a égalité des voix, le vote du Président est prépondérant.

**<u>Article 17</u>: Attributions du Président de la Commission**

Le Président de la Commission a les attributions suivantes:

1° diriger la Commission et coordonner ses activités;

2° convoquer et présider les réunions des Commissaires ;

3° exécuter toutes autres tâches relevant de la

n'Inama y'Abakomiseri ijyanye n'inshingano za Komisiyo.

**Ingingo ya 18: Inshingano za Visi Perezida wa Komisiyo**

Visi Perezida wa Komisiyo afite inshingano zikurikira:

1° kunganira Perezida no kumusimbura mu mirimo ye igihe adahari;

2° gukora indi imirimo yose yasabwa n'Inama y'Abakomiseri ijyanye n'inshingano za Komisiyo.

**Ingingo ya 19: Umushahara n'ibindi bigenerwa Abakomiseri**

Iteka rya Perezida rigena umushahara n'ibindi bigenerwa Abakomiseri.

**Icyiciro cya 2: Abakozi ba Komisiyo**

**Ingingo ya 20: Abakozi ba Komisiyo**

Minisiteri ifite abakozi ba Leta mu nshingano zayo igenera Komisiyo abakozi hakurikijwe amategeko abigenga.

Umutwe w'Abadepite ushobora kandi kugenera Komisiyo impuguke kugira ngo ibashe kurangiza inshingano zayo, igihe bibaye ngombwa.

mission of the Commission as the Council of Commissioners may direct.

**Article 18: Responsibilities of the Vice Chairperson of the Commission**

The Vice Chairperson of the Commission shall have the following responsibilities:

1° to assist the Chairperson and deputize for him/her in case of absence;

2° to perform such other duties related to the mission of the Commission as the Council of Commissioners may direct.

**Article 19: Salary and benefits of Commissioners**

A Presidential Order shall provide for the salary and other benefits granted to Commissioners.

**Section 2: Staff of the Commission**

**Article 20: Staff of the Commission**

The Ministry in charge of public service shall staff the Commissionin accordance with relevant laws.

If necessary, the Chamber of Deputies may also make available to the Commission experts required for the realization of the mission of the Commission.

mission de la Commission lui assignées par le Conseil des Commissaires.

**Article 18: Attributions du Vice-Président de la Commission**

Le Vice-Président de la Commission a les attributions suivantes:

1° assister le Président et le remplacer dans ses fonctions en cas d'absence;

2° exécuter toutes autres tâches relevant de la mission de la Commission lui assignées par le Conseil des Commissaires.

**Article 19: Salaire et autres avantages accordés aux Commissaires**

Un Arrêté Présidentiel prévoit le salaire et d'autres avantages accordés aux Commissaires.

**Section 2: Personnel de la Commission**

**Article 20: Personnel de la Commission**

Le Ministère ayant la fonction publique dans ses attributions dote la Commission en personnel conformément aux lois en la matière.

La Chambre des Députés peut, si nécessaire, également mettre à la disposition de la Commission les experts nécessaires à l'accomplissement de sa mission.

**<u>Ingingo ya 21</u>: Sitati igenga abakozi ba Komisiyo**

Abakozi ba Komisiyo bagengwa na sitati rusange igenga abakozi ba Leta.

Ku birebana n'imikorere yabo ya buri munsi, abakozi ba Komisiyo bagengwa n'amategeko ngengamikorere ya Komisiyo.

**<u>UMUTWE WA IV</u>: INGINGO ZINYURANYE N'INGINGO ZISOZA**

**<u>Ingingo ya 22</u>: Ingengo y'imari ya Komisiyo**

Komisiyo ikoresha ingengo y'imari ikomoka ku ngengo y'imari y'Umutwe w'Abadepite.

**<u>Ingingo ya 23</u>: Inyandiko n'ibindi bikoresho bya Komisiyo**

Komisiyo irangije imirimo yayo ishyikiriza Umutwe w'Abadepite inyandiko n'ibikoresho yatijwe.

**<u>Ingingo ya 24</u>: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**<u>Article 21</u>: Statute governing the staff of the Commission**

The staff of the Commission shall be governed by the general statute for public service.

The daily management of the Commission's staff shall be governed by the internal rules and regulations of the Commission.

**<u>CHAPTER IV</u>: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS**

**<u>Article 22</u>: Budget of the Commission**

The operating budget of the Commission shall come from the budget of the Chamber of Deputies.

**<u>Article 23:</u> Documents and other equipment of the Commission**

After completion of its mandate, the Commission shall hand over to the Chamber of Deputies documents and equipment having been placed at its disposal.

**<u>Article 24</u>: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

**<u>Article 21</u>: Statut du personnel de la Commission**

Le personnel de la Commission est régi par le statut général de la fonction publique.

La gestion journalière du personnel de la Commission est régie par le règlement d'ordre intérieur de la Commission.

**<u>CHAPITRE IV:</u> DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES**

**<u>Article 22</u>: Budget de la Commission**

Le budget de fonctionnement de la Commission est prélevé sur le budget de la Chambre des Députés.

**<u>Article 23</u>: Documents et autres matériels de la Commission**

Après l'achèvement de son mandat, la Commission remet à la Chambre des Députés les documents et les matériels ayant été mis à sa disposition.

**<u>Article 24</u>: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en kinyarwanda.

**<u>Ingingo ya 25</u>: Igihe iri tegeko ritangirira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 29/08/2015

(sé)
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

(sé)
**MUREKEZI Anastase**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta

**<u>Article 25</u>: Commencement**

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 29/08/2015

(sé)
**KAGAME Paul**
President of the Republic

(sé)
**MUREKEZI Anastase**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/ Attorney General

**<u>Article 25</u>: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 29/08/2015

(sé)
**KAGAME Paul**
Président de la République

(sé)
**MUREKEZI Anastase**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux